

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya Ba Minisitiri/ Ministerial Orders/ Arrêtés Ministériels

N°008/16/10/TC ryo ku wa 01/11/2016

Iteka rya Minisitiri rihindura Iteka rya Minisitiri n°002/13/10/TC ryo ku wa 31/07/2013 rigena imikoreshereze y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga inyemezabuguzi.....3

N°008/16/10/TC of 01/11/2016

Ministerial Order modifying the Ministerial Order n°002/13/10/TC of 31/07/2013 on modalities of use of a certified electronic billing machine.....3

N°008/16/10/TC du 01/11/2016

Arrêté Ministériel modifiant l'Arrêté Ministériel n°002/13/10/TC du 31/07/2013 portant modalités d'utilisation de la machine de facturation électronique agréée.....3

N° 009/16/10/TC ryo ku wa 01/11/2016

Iteka rya Minisitiri rishyiraho Abagize Komite Ngishwanama y'Ikigega cy'Ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe mu mabanki no mu bigo by'imari iciriritse rikanagena inshingano zabo n'igihe bamara ku mirimo.....14

N°009/16/10/TC of 01/11/2016

Ministerial Order appointing members of the Advisory Committee of the Deposit Guarantee Fund for banks and microfinance institutions and determining their responsibilities and term of office.....14

N°009/16/10/TC du 01/11/2016

Arrêté Ministériel portant nomination des membres du Comité Consultatif du Fonds de Garantie des dépôts pour les Banques et Institutions de Microfinance et déterminant leurs attributions et leur mandat.....14

N°010/16/10/TC ryo ku wa 01/11/2016

Iteka rya Minisitiri ryerekeye ibiribwa bitunganyijwe n'ibiranga ibyemezo bigabanya imyenda n'ibiyongera.....20

N°010/16/10/TC of 01/11/2016

Ministerial Order on processed foodstuffs and credit and debit notes details.....20

N°010/16/10/TC du 01/11/2016

Arrêté Ministériel relatif aux aliments transformés et détails des Notes de crédit et de débit...20

N° 003/11.30 ryo ku wa 28/10/2016

Iteka rya Minisitiri rishyiraho Umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi rikanagena inshingano ze.....26

N° 003/11.30 of 28/10/2016

Ministerial Order appointing a Registrar of agrochemicals and determining her responsibilities.....26

N°003/11.30 du 28/10/2016

Arrêté Ministériel portant nomination d'un Registraire des produits agrochimiques et déterminant ses attributions.....26

B. Amabwiriza / Instructions / Instructions

N° 01/11/AG/16 yo kuwa 01/11/2016

Amabwiriza y'Umugenzuzi Mukuru ashiraho imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimo by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.....33

N° 01/11/AG/16 of 01/11/2016

Auditor General's Instructions determining the organisational structure and summary of job positions for the Office of the Auditor General of State Finances.....33

N° 01/11/AG/16 du 01/11/2016

Instructions de l'Auditeur Général déterminant la structure organisationnelle et la synthèse des emplois de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.....33

C. Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina :

GATWAKAZI Domitille.....48

D. Imiryango / Organizations / Organisations

UMUCYO MINISTRIES UMUCYO MINISTRIES.....49

CONGREGATION DES RELIGIEUSES DE L'ASSOMPTION AU RWANDA.....50

ORGANISATION POUR L'ENSEIGNEMENT A PROGRAMME BELGE AU RWANDA.....52

ASSOCIATION RWANDAISE POUR L'EDUCATION ET LE DEVELOPPEMENT COMMUNAUTAIRE (AREDEC)54

E. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- COTAVERWE.....56
- KOPABUHU.....57
- COTAVEGA URUMURI.....58
- DUKORANUMURAVA.....59
- NBCU.....60

ITEKA RYA MINISITIRI
N°008/16/10/TC RYO KU WA 01/11/2016
RIHINDURA ITEKA RYA MINISITIRI
N°002/13/10/TC RYO KU WA 31/07/2013
RIGENA IMIKORESHEREZE
Y'IMASHINI Y'IKORANABUHANGA
YEMEWE MU GUTANGA
INYEMEZABUGUZI

MINISTERIAL ORDER N°008/16/10/TC
OF 01/11/2016 MODIFYING THE
MINISTERIAL ORDER N°002/13/10/TC OF
31/07/2013 ON MODALITIES OF USE OF A
CERTIFIED ELECTRONIC BILLING
MACHINE

ARRETE MINISTERIEL
N°008/16/10/TC DU 01/11/2016
MODIFIANT L'ARRETE
MINISTERIEL N°002/13/10/TC DU
31/07/2013 PORTANT MODALITES
D'UTILISATION DE LA MACHINE DE
FACTURATION ELECTRONIQUE
AGREEE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Inshingano
z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga
mu gutanga inyemezabuguzi

Article One: Obligations of a certified
electronic billing machine user

Article premier: Obligation de
l'utilisateur de la machine de facturation
électronique agréée

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iri iteka ritangira
gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°008/16/10/TC RYO KU WA 01/11/2016
RIHINDURA ITEKA RYA MINISITIRI
N° 002/13/10/TC RYO KU WA
31/07/2013 RIGENA
IMIKORESHEREZE Y'IMASHINI
Y'IKORANABUHANGA YEMEWE
MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI**

**MINISTERIAL ORDER N°008/16/10/TC OF
01/11/2016 MODIFYING THE
MINISTERIAL ORDER N°002/13/10/TC OF
31/07/2013 ON MODALITIES OF USE OF A
CERTIFIED ELECTRONIC BILLING
MACHINE**

**ARRETE MINISTERIEL
N°008/16/10/TC DU 01/11/2016
MODIFIANT L'ARRETE
MINISTERIEL N°002/13/10/TC DU
31/07/2013 PORTANT MODALITES
D'UTILISATION DE LA MACHINE DE
FACTURATION ELECTRONIQUE
AGREEE**

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,

**The Minister of Finance and Economic
Planning,**

**Le Ministre des Finances et de la
Planification Economique,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya
Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003
ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015,
spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n°
002/13/10/TC ryo ku wa 31/07/2013 rigena
imikoreshereze y'imashini
y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga
inyemezabuguzi, cyane cyane mu ngingo
yaryo ya 11;

Having reviewed the Ministerial Order n°
002/13/10/TC of 31/07/2013 on modalities of
use of a certified electronic billing machine,
especially in Article 11;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 002/13/10/TC
du 31/07/2013 portant modalités
d'utilisation de la machine de facturation
électronique agréée, spécialement en son
article 11;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa
12/10/2016, imaze kubisuzuma no
kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet,
in its session of 12/10/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des
Ministres, en sa séance du 12/10/2016 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Ingingo ya 11 y'Iteka rya Minisitiri n°002/13/10/TC ryo ku wa 31/07/2013 rigena imikoreshereze y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe mu gutanga inyemezabuguzi, ihinduwe ku buryo bukurikira:

“Abakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bafite inshingano zikurikira:

- 1° kugura imashini y'ikoranabuhanga ikoreshwa mu buryo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe ku mucuruzi wabiherewe uburenganzira;
- 2° gushyira ahakorerwa ubucuruzi imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi;
- 3° gutanga inyemezabwishyu yakozwe n'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ku mukiriya wese ugura ibintu cyangwa ukoresha serivisi;
- 4° gukora ku buryo imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ishyirwa ahantu

Article One: Obligations of a user of a certified electronic billing machine

Article 11 of the Ministerial Order n°002/13/10/TC of 31/07/2013 on modalities of use of a certified electronic billing machine is modified as follows:

“Users of a certified electronic billing machine are subject to the following obligations:

- 1° to purchase a certified set of electronic billing machines from a licensed supplier;
- 2° to install a certified electronic billing machine at the sales location;
- 3° to issue a receipt printed by the certified electronic billing machine to every customer who purchases items or service;
- 4° to ensure that a certified electronic billing machine is placed where is accessible and visible to customers;

Article premier: Obligations de l'utilisateur de la machine de facturation électronique agréée

L'article 11 de l'Arrêté Ministériel n°002/13/10/TC du 31/07/2013 portant modalités d'utilisation de la machine de facturation électronique agréée est modifié comme suit:

“Les utilisateurs d'une machine de facturation électronique agréée sont soumis aux obligations suivantes:

- 1° acheter une machine de facturation électronique agréée auprès d'un fournisseur agréé;
- 2° installer une machine de facturation électronique agréée au lieu de vente;
- 3° délivrer un reçu établi par la machine de facturation électronique agréée à chaque client qui achète un bien ou un service;
- 4° veiller à ce que la machine de facturation électronique agréée soit

horoshye kugera kandi hagaragarira abakiriya;

placée à un endroit accessible et visible par les clients;

5° gukora ku buryo ibintu cyangwa serivisi byagurishijwe byose hakoreshejwe imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi bigira izina ridashidikanywaho ndetse n'igipimo cy'umusoro nyacyo;

5° to ensure that all items or services sold through the certified electronic billing machine have a clearly defined name and appropriate tax rate;

5° veiller à ce que tous les articles ou services vendus sous l'usage de la machine de facturation électronique agréée aient un nom clairement défini et un taux de taxe approprié;

6° kugaragaza inomeru iranga umusorehwa (TIN) ku nyemezabuguzi, mbere yo gutangira gutanga inyemezabuguzi, mu gihe bisabwe n'umukiriya wishyuye;

6° to indicate a taxpayer identification number (TIN) of a customer on the receipt before issuing the receipt, if the paying customer demands it;

6° indiquer le numéro d'identification fiscale du contribuable (NIF) sur le reçu avant de délivrer un reçu, si le client qui effectue le paiement en fait la demande;

7° gushyira ahashyizwe imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi icyapa cy'inyunganizi gikubiyemo ibi bikurikira:

7° to post a visible notice with the following information at the place where a certified electronic billing machine is installed:

7° afficher à l'endroit où la machine de facturation électronique est installée une pancarte comportant les informations suivantes:

a. izina, aderesi n'inomeru iranga umusorehwa (TIN);

a. name of the user, address and the taxpayer's identification number (TIN);

a. nom, adresse et le numéro d'identification fiscale (NIF) du contribuable;

b. inomeru yihariye y'imashini;

b. machine registration code;

b. le code d'enregistrement de la machine de facturation électronique;

c. inomeru ya seri y'imashini y'inyemezabwishyu (SDC);

c. sales data controller (SDC) serial number;

c. le numéro de série de la machine à reçu (MR);

Official Gazette n° 45 of 07/11/2016

- | | | |
|--|---|---|
| d. amagambo “igihe imashini igize ikibazo, abakozi bacuruza batanga inyemezabwishyu zanditse n’intoki zemewe n’ubuyobozi”; | d. a statement “In case of failure of a machine, sales personnel issue manual receipts authorized by Authority”; | d. la mention “En cas de panne de la machine, le personnel de l'utilisateur donne des reçus manuels reconnus par l'Autorité”; |
| e. amagambo “NTA KWISHYURA IGIHE UDAHAWA INYEMEZABWISHYU”; | e. a statement “DO NOT PAY IF A RECEIPT IS NOT ISSUED”; | e. la mention “NE PAYEZ PAS SI VOUS NE RECEVEZ PAS DE RECU”; |
| 8° kureka imashini y’ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi igakorerwa ubugenzuzi ku byerekeranye n’ubuziranenge n’ubudasobwa bwayo; | 8° to make the certified electronic billing machine available for control with respect to its being intact and correct in its operations; | 8° assurer la disponibilité de la machine de facturation électronique agréée pour son contrôle eu égard à son état intact et de justesse opérationnelle; |
| 9° kwifashisha serivisi zabugenewe mu gukora igenzura ritegetswe ry’imikorere y’imashini, mu gihe bisabwe na Komiseri Mukuru; | 9° to conduct a compulsory technical inspection of the certified electronic billing machine with appropriate service agent, once requested by the Commissioner General; | 9° conduire obligatoirement une inspection technique de la machine de facturation électronique agréée par un service approprié, une fois demandée par le Commissaire Général; |
| 10° kubika kopi z’ibyanditse hakoreshejwe iyo mashini mu gihe cy’imyaka icumi (10); | 10° to keep copies of journal records of the certified electronic billing machine for ten (10) years; | 10° garder les copies d’enregistrement des rapports de la machine de facturation électronique agréée pendant dix (10) ans; |
| 11° kugenzura neza ko ahawe igitabo gikubiyemo amabwiriza yo gukoresha imashini igihe uwayigurishije ayitanze; | 11° to ensure that the user manual is received at the time of supply by the supplier; | 11° s’assurer que le manuel d'utilisateur est reçu au moment de la livraison par le fournisseur; |

Official Gazette n° 45 of 07/11/2016

- | | | |
|--|---|---|
| 12° kugenzura neza ko umucuruzi w'imashini yari yarayandikishije mu Buyobozi igihe yayishyiraga ku isoko; | 12° to ensure that the supplier registered the certified electronic billing machine with Authority at the time of supply; | 12° s'assurer que le fournisseur a fait enregistrer la machine de facturation électronique agréée auprès de l'Autorité au moment de la livraison; |
| 13° kumenyesha Ubuyobozi ko ahakorerwaga ubucuruzi hahindutse binyuze mu nzira zigenwa na Komiseri Mukuru; | 13° to report to the Authority a change of sales location through the procedures determined by the Commissioner General; | 13° informer l'Autorité du changement de lieu de vente par les procédures déterminées par le Commissaire Général; |
| 14° kudahagarika ikoreshwa ry'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe kirenze amasaha cumi n'abiri (12) atabanje kubimenyesha ubuyobozi; | 14° not to stop using the certified electronic billing machine for more than twelve (12) hours without prior notification to the Authority; | 14° ne pas arrêter d'utiliser la machine de facturation électronique agréée pendant plus de douze (12) heures sans en informer au préalable l'Autorité; |
| 15° kumenyesha Ubuyobozi imikorere mibi y'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe cy'amasaha atandatu (6); | 15° to report to the Authority malfunctions of the certified electronic billing machine within six (6) hours; | 15° informer l'Autorité du mauvais fonctionnement de la machine de facturation électronique agréée dans un délai de six (6) heures; |
| 16° kubika mu Rwanda imashini y'inyemezabwishyu (SDC); | 16° to keep the sales data controller (SDC) in Rwanda; | 16° garder la machine à reçu (MR) au Rwanda; |
| 17° kubika imashini y'inyemezabwishyu (SDC) mu gihe imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi igurishijwe cyangwa se ikuweho; | 17° to preserve the sales data controller (SDC) in the event of sale or scrapping of a certified electronic billing machine; | 17° préservée la machine à reçu (MR) en cas de vente ou de destruction de la machine de facturation électronique agréée; |
| 18° kubika imashini y'inyemezabwishyu (SDC) nibura mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) | 18° to preserve the sales data controller (SDC) for at least twelve (12) months in a secure manner recommended by the | 18° préservée la machine à reçu (MR) par l'utilisateur pendant au moins douze (12) mois de manière |

Official Gazette n° 45 of 07/11/2016

ahantu hizewe kandi hagenwe n'ubuyobozi. Ibyo kandi bigomba gukorwa no ku mashini y'inyemezabwihu (SDC) yasimbuwe kugira ngo ivanweho cyangwa yasimbuwe kubera indi mpamvu iyo ari yo yose;

manufacturer. This must also apply to a sales data controller (SDC) which has been replaced and dismantled or has been replaced for some other reason;

sécurisée recommandée par le fabricant. Cela s'applique également à la machine à reçu (MR) qui a été remplacée pour être démantelée ou pour une autre raison;

19° kugirana amasezerano y'ubugure bw'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi yemewe, n'umucuruzi ubifitiye uburenganzira;

19° to have a valid purchase contract for the certified electronic billing machine from an authorized supplier;

19° avoir un contrat valable d'achat de la machine de facturation électronique agréée auprès d'un fournisseur autorisé;

20° gutanga amakuru afatika ku nyandiko isabirwaho gutangira gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi kugira ngo ihabwe umuyoboro utuma itangira gukoreshwa;

20° to provide accurate information on the application form for system activation of an electronic billing machine;

20° fournir des informations précises sur le formulaire de demande de la machine de facturation électronique agréée pour l'activation du système;

21° guha Ubuyobozi raporo ijyanye n'isimbuzwa ry'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu masaha cumi n'abiri (12) uherye igihe iyo mashini yasimburiwe cyangwa se yakuwe ahantu hagenewe kugurishirizwa kubera impamvu iyo ariyo yose;

21° to report to the Authority about an electronic billing machine replacement in twelve (12) hours after the electronic billing machine is replaced or removed from the registered sales outlet for any reason;

21° donner rapport à l'Autorité sur le remplacement d'une machine de facturation électronique agréée dans douze (12) heures après que la machine ait été remplacée ou déplacée hors du point de vente enregistré pour une raison quelconque;

Official Gazette n° 45 of 07/11/2016

- | | | |
|---|---|--|
| 22° gusaba Ubuyobozi kuvana imashini ye ku muyoboro utuma imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ikoreshwa mu gihe ahagaritse ibikorwa bye by'ubucuruzi; | 22° to submit a request to the Authority for electronic billing machine disactivation in case of cessation of business activity; | 22° soumettre la demande à l'Autorité pour la désactivation de la machine de facturation électronique agréée en cas de cessation d'activité; |
| 23° gutanga inyemezabuguzi yemewe itanzwe n'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi hatitawe ko umukiriya yaba ayishaka cyangwa atayishaka, mu gihe cyose hari nibura imashini imwe ikora iri ahantu hacururizwa; | 23° to issue a certified receipt printed by an electronic billing machine, regardless whether the customer requires or rejects to take it, in case there is at least one electronic billing machine functioning properly at sales location; | 23° délivrer un reçu imprimé par la machine de facturation électronique agréée, indépendamment de la volonté du client d'en exiger ou ne pas en exiger la remise, au cas où il y a au moins une machine de facturation électronique agréée qui fonctionne correctement au point de vente; |
| 24° gukora inyandiko yemewe yo gusubiza amafaranga yanditswe n'imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe haba hari nibura imashini imwe ikora neza aho bacururiza no kubika inyandiko zijyanye n'iryo subiza hakurikijwe amabwiriza y'isubiza ya Komiseri Mukuru; | 24° to make a certified refund receipt printed by a certified electronic billing machine in case there is at least one certified electronic billing machine functioning properly at sales location and keep the document relating to the refund in accordance with refund procedures determined by Commissioner General's instructions; | 24° faire un reçu de remboursement certifié, imprimé par la machine de facturation électronique agréée au cas où il y a au moins une machine de facturation électronique qui fonctionne correctement au point de vente et garder les documents en rapport avec le remboursement conformément à la procédure de remboursement déterminée par les instructions du Commissaire Général; |
| 25° gutanga inyemezabuguzi ebyiri zanditswe n'intoki hatitawe ko umuguzi ashaka cyangwa adashaka | 25° to issue invoices written by hand in two specimens, regardless whether the customer requires or rejects to take the | 25° émettre des factures manuscrites en deux exemplaires, sans tenir compte de la volonté du client de prendre ou |

inyemezabuguzi mu gihe nta mashini y'ikorabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ikora neza ihari no kubika nibura mu gihe cy'inyaka icumi (10) imwe muri izo nyemezabuguzi hamwe n'indi y'umwimerere itangwa n'imashini y'ikorabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi nyuma y'uko imashini y'ikorabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi yongera gukora nk'uko bisanzwe;

invoice, in case there is no certified electronic billing machine functioning properly at the sales location and keep for at least ten (10) years the second specimen of a handwritten invoice together with original certified receipt printed after the certified electronic billing machine is recovered;

de ne pas prendre la facture, au cas où il n'y a pas de machine de facturation électronique agréée qui fonctionne correctement au point de vente et garder, au moins pendant dix (10) ans, le deuxième spécimen de la facture écrite à la main avec la facture originale émise après que la machine de facturation électronique ait été remise en état de fonctionnement normal;

26°gukora inyandiko yemewe yo gusubiza amafaranga mu gihe bibaye ngombwa ko hari asubizwa ku nyemezabuguzi yari yatanzwe kubera ko basanze hari harabayemo ikosa. Inyandiko yo gusubiza amafaranga ibikwa ikurikirana na ya nyemezabuguzi y'umwimerere hamwe n'inyandiko zose z'ibimenyetso zijyanye n'uko gusubiza amafaranga nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru;

26°to make certified refund receipts in case of necessary balance correction for previously issued certified receipt due to entry error. The refund receipt in this case is in successive order from original receipt followed by documented evidence, in accordance with the refund procedure determined by Commissioner General's instructions;

26°faire un reçu de remboursement certifié en cas de correction d'une différence nécessaire pour un reçu certifié précédemment émis si on se rend compte qu'il y a eu une erreur d'entrée. Le reçu de remboursement est gardé classé dans l'ordre consécutif du reçu original, suivi par des justificatifs du remboursement conformément à la procédure de remboursement déterminée par les instructions du Commissaire Général;

27°kumenyesha Ubuyobozi mu nyandiko mu masaha cumi n'abiri (12) ko imashini y'ikorabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi idakora mu gihe habayeho kwibwa, cyangwa se ukundi kononekara

27°to notify the Authority in writing about cessation of certified electronic billing machines operation in twelve (12) hours due to theft or damage by force majeure like flood, fire, earthquake, accident in transportation or similar events and this

27°notifier à l'Autorité par écrit l'arrêt des opérations de la machine de facturation électronique agréée dans (12) heures en cas de vol ou de dommages causés par la force majeure tel que l'inondation,

Official Gazette n° 45 of 07/11/2016

kwaterwa n'impamvu zidasanzwe nk'imyuzure, inkongi y'umuriro, umutingito, impanuka y'ubwikorezi n'ibindi nkibyo, iryo menyesha rikaba riherekejwe na kopi ya raporo y'umuyobozi ubifitiye ububasha;

notification is accompanied by a copy of report from competent authority;

l'incendie, le tremblement de terre, l'accident de transport ou fait similaires et telle notification est accompagnée par une copie du rapport de l'autorité compétente;

28° kugira imashini y'inyemezabwishyu (SDC) ikora neza ikaba ikorana igihe cyose n'uburyo bwo gutanga inyemezabuguzi bwemewe (CIS);

28° to keep the proper functional of sales data controller (SDC) connected to certified invoicing system (CIS) all the time;

28° garder la machine à reçu (MR) qui fonctionne correctement connectée au système de facturation certifié (SFC) en permanence;

29° gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi akoresha gusa ibipimo by'umusoro ku bicuruzwa na serivise, bihwanye n'ibiteganyijwe n'Ubuyobozi;

29° to perform operations on certified electronic billing machine by applying identical tax rates for goods and services only officially prescribed by the Authority;

29° effectuer des opérations sur la machine de facturation électronique agréée en appliquant des taux de taxe identiques pour les biens et services aux seuls prescrits officiellement par l'Autorité;

30° indi nshingano yose yashyirwaho na Komiseri Mukuru.

30° any other obligation that may be determined by the Commissioner General.

30° toute autre obligation pouvant être déterminée par le Commissaire Général.

Mu gihe imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi idakora nk'uko bivugwa mu gace ka 27° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo ibikorwa by'ubucuruzi byongeye, umusoroshwa agomba kugura iyindi mashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi mu gihe cy'iminsi umunani (8) y'akazi.

If there is a cessation of operation of a certified electronic billing machine in accordance with item 27° of Paragraph One of this Article, when the business activity is resumed, a taxpayer must purchase a new certified electronic billing machine within eight (8) working days.

S'il y'a un arrêt des opérations de la machine de facturation électronique agréée conformément au point 27° de l'alinéa premier du présent article, lorsque l'activité commerciale reprend, le contribuable est obligé d'acheter une nouvelle machine de facturation électronique agréée dans les huit (8) jours ouvrables.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 3: Igihe iri iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **01/11/2016**

(sé)

GATETE Claver

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 2: Repealing provision

All previous provisions contrary to this Order are repealed.

Article 3: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **01/11/2016**

(sé)

GATETE Claver

Minister of Finance and Economic Planning

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

Article 2: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **01/11/2016**

(sé)

GATETE Claver

Ministre des Finances et de la Planification Economique

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/16/10/TC
RYO KU WA 01/11/2016 RISHYIRAHU
ABAGIZE KOMITE NGISHWANAMA
Y'IKIGEGA CY'UBWISHINGIZI
BW'AMAFARANGA YABIKIJWE MU
MABANKI NO MU BIGO BY'IMARI
ICIRIRITSE RIKANAGENA
INSHINGANO ZABO N'IGIHE BAMARA
KU MIRIMO

MINISTERIAL ORDER
N°009/16/10/TC OF 01/11/2016
APPOINTING MEMBERS OF
THE ADVISORY COMMITTEE
OF THE DEPOSIT GUARANTEE
FUND FOR BANKS AND
MICROFINANCE INSTITUTIONS
AND DETERMINING THEIR
RESPONSIBILITIES AND TERM
OF OFFICE

ARRETE MINISTERIEL
N°009/16/10/TC DU 01/11/2016
PORTANT NOMINATION DES
MEMBRES DU COMITÉ
CONSULTATIF DU FONDS DE
GARANTIE DES DEPOTS POUR
LES BANQUES ET INSTITUTIONS
DE MICROFINANCE ET
DETERMINANT LEURS
ATTRIBUTIONS ET LEUR
MANDAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abagize Komite Ngishwanama

Article 2: Members of the Advisory Committee

Article 2: Membres du Comité Consultatif

Article 3: Inshingano za Komite Ngishwanama

Article 3: Responsibilities of the Advisory Committee

Article 3: Attributions du Comité Consultatif

Ingingo ya 4 : Inama za Komite

Article 4: Meetings of the Committee

Article 4: Réunions du Comité

Ingingo ya 5 : Umushahara n'ibindi bihembo

Article 5: Remuneration and other benefits

Article 5: Rémunération et autres bénéfices

Article 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka.

Article 6: Repealing provision

Article 6: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe iri iteka ritangira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 009/16/10/TC RYO KU WA 01/11/2016 RISHYIRAHU ABAGIZE KOMITE NGISHWANAMA Y'IKIGEGA CY'UBWISHINGIZI BW'AMAFARANGA YABIKIJWE MU MABANKI NO MU BIGO BY'IMARI ICIRIRITSE RIKANAGENA INSHINGANO ZABO N'IGIHE BAMARA KU MIRIMO

MINISTERIAL ORDER N°009/16/10/TC OF 01/11/2016 APPOINTING MEMBERS OF THE ADVISORY COMMITTEE OF THE DEPOSIT GUARANTEE FUND FOR BANKS AND MICROFINANCE INSTITUTIONS AND DETERMINING THEIR RESPONSIBILITIES AND TERM OF OFFICE

ARRETE MINISTERIEL N°009/16/10/TC DU 01/11/2016 PORTANT NOMINATION DES MEMBRES DU COMITÉ CONSULTATIF DU FONDS DE GARANTIE DES DEPOTS POUR LES BANQUES ET INSTITUTIONS DE MICROFINANCE ET DETERMINANT LEURS ATTRIBUTIONS ET LEUR MANDAT

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

The Minister of Finance and Economic Planning;

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 31/2015 ryo ku wa 05/06/2015 rigena imiterere n'imikorere by'Ikigega cy'Ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe mu mabanki no mu bigo by'imari iciriritse, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Pursuant to Law n° 31/2015 of 05/06/2015 determining the organization and functioning of Deposit Guarantee Fund for banks and microfinance institutions, especially in Article 4;

Vu la Loi n° 31/2015 du 05/06/2015 portant organisation et fonctionnement du Fonds de Garantie des Dépôts pour les banques et les institutions de microfinance, spécialement en son article 4;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/10/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 12/10/2016;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/10/2016 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho abagize Komite Ngishwanama y'Ikigega cy'Ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe mu mabanki no mu bigo by'imari iciriritse cyitwa "Ikigega" mu ngingo zikurikira, rikanagena inshingano zabo n'igihe bamara ku mirimo.

Ingingo ya 2: Abagize Komite Ngishwanama

Komite Ngishwanama y'Ikigega igizwe n'abantu bakurikira:

- 1° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Iterambere ry'Urwego rw'Imari muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, Perezida ;
- 2° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga rw'Abanyamabanki mu Rwanda, Visi Perezida ;
- 3° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Kubungabunga Ubusugire bw'Urwego rw'Imari muri Banki Nkuru y'u Rwanda;

Article One: Purpose of this Order

This Order appoints members of the Advisory Committee of the Deposit Guarantee Fund for banks and microfinance institutions in Rwanda hereinafter referred to as "fund" and determines their responsibilities and term of office.

Article 2: Members of the Advisory Committee

The Advisory Committee of the Fund is composed of the following members:

- 1° the Director General of Financial Sector Development at the Ministry of Finance and Economic Planning, Chairperson;
- 2° the Executive Secretary of the Rwanda Bankers Association, Vice Chairperson;
- 3° the Director General of the Financial Stability at the National Bank of Rwanda;

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte nomination des membres du Comité Consultatif du Fonds de Garantie des Dépôts pour les banques et les institutions de microfinance ci-après dénommé « fonds » et détermine leurs attributions et leur mandat.

Article 2: Membres du Comité Consultatif

Le Comité Consultatif du Fonds est composé de membres suivants:

- 1° le Directeur Général chargé du Développement du Secteur Financier au Ministère des Finances et de la Planification Economique, Président;
- 2° le Secrétaire Exécutif de l'Association des Banquiers au Rwanda, Vice Président;
- 3° le Directeur Général chargé de la Stabilité Financière à la Banque Nationale du Rwanda;

- | | | |
|--|---|--|
| 4° Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Guteza Imbere Amakoperative; | 4° the Director General of the Rwanda Cooperative Agency; | 4° le Directeur Général de l'Agence Rwandaise des Coopératives ; |
| 5° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urugaga rw'Ibigo by'Imari Iciriritse mu Rwanda; | 5° the Executive Secretary of the Association of Microfinance Institutions in Rwanda; | 5° le Secrétaire Exécutif de l'Association des Institutions de Microfinance au Rwanda; |
| 6° Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Imikorere y'Ikigega ukorera muri Banki Nkuru y'u Rwanda, Umunyamabanga | 6° the Head of the Fund at the National Bank of Rwanda, Secretary. | 6° le Directeur du Fonds au sein de la Banque Nationale du Rwanda, Secrétaire. |

Article 3: Inshingano za Komite Ngishwanama

Komite Ngishwanama y'Ikigega itanga inama za tekini ku buyobozi bwa Banki Nkuru y'u Rwanda mu birebana n'imicungire myiza n'iterambere by'Ikigega.

Mu gutunganya inshingano zayo, Komite Ngishwanama y'Ikigega itanga inama zireba ibi bikurikira:

- 1° gushora umutungo w'Ikigega;
- 2° umubare w'amafaranga yishingirwa n'ingano y'umusanzu;
- 3° ingamba zirebana no kumenyeshya rubanda ibikorwa by'Ikigega;

Article 3: Responsibilities of the Advisory Committee

The Advisory Committee of the Fund provides technical advice to the management of the National Bank of Rwanda for the Fund's smooth management and development.

In performing its duties, the Advisory Committee of the Fund provides technical advice in the following areas:

- 1° investment of the Fund;
- 2° coverage and contribution rate;
- 3° strategies related to public awareness on the Fund's activities;

Article 3: Attributions du Comité Consultatif

Le Comité Consultatif du Fonds fournit des avis techniques à la direction de la Banque Nationale du Rwanda pour la bonne gestion et le développement du Fonds.

Dans l'exercice de ses fonctions, le Comité Consultatif du Fonds donne des conseils techniques dans les domaines suivants :

- 1° investissement du Fonds;
- 2° taux de couverture et de contribution;
- 3° stratégies liées à la sensibilisation du public sur les activités du Fonds;

4° imicungire ya dosiye z'ababikije amafaranga bakayabura;

5° politiki n'amabwiriza birebana n'iterambere ry'ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe.

Ingingo ya 4 : Inama za Komite

Uburyo inama za Komite zitumizwamo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya Komite.

Komite Ngishwanama ishobora gutumira undi muntu mu nama zayo iyo isanga ari ngombwa. Uwo muntu agomba kuba atari umwe mu bagize inama y'ubuyobozi, umukozi cyangwa umunyamigabane muri banki cyangwa ikigo cy'imari iciriritse. Uwo muntu agomba kandi kuba atarigeze ahamwa no kugira uruhare mu ihomba ry'ikigo cy'imari cyangwa indi sosiyete y'ubucuruzi yaseshwe.

Ingingo ya 5 : Umushahara n'ibindi bihembo

Abagize Komite Ngishwanama y'Ikigeza nta mushahara cyangwa ibindi bihembo ibyo ari ibyo byose bagenerwa.

4° management of depositors claims;

5° policies and regulation in the framework of deposit guarantee development.

Article 4: Meetings of the Committee

Modalities for convening Committee meetings are determined by the Internal Rules and Regulations of the Committee.

